

REPUBLIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE RWA MUSANZE

ICYEMEZO GITEGEKA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO MU RUBANZA RP/ECON 00019/2021/TGI/MUS.

Umwaka wa 2021, Umunsi wa 17 w'Ukwezi kwa cumi na kabiri;

TWEBWE MUNYAWERA BIGATI, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Musanze, dufashijwe na **MUTABAZI Venant**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

TUMAZE kubona urubanza RP/ECON 00019/2021/TGI/MUS, Ubushinjacyaha buregamo **MUKANDAYISENGA Béatrice** mwene **SENZOGA Leonard** na **AYINDIMANYA Philomene**, wavutse ku wa 01/01/1986, wabarizwaga mu Mudugudu wa Tatiro, Akagari ka Cyahi, Umurenge wa Rugarama, Akarere ka Burera, akaba akurikiranywe nk'uwatorotse ubutabera;

TUMAZE kubona ko **MUKANDAYISENGA Béatrice** akurikiranyweho icyaha cyo **kunyereza umutungo**, icyaha cyateganywaga n'ingingo ya 325 y'itegeko ngenga N° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana, iri tegeko akaba ariryo ryakorshwaga ubwo icyaha cyakorwaga;

TUMAZE kubona ko uregwa yatorotse ubutabera nk'uko bigaragazwa n'ubushinjacyaha;

Dushingiye ku ngingo ya 160, iya 161 n'iya 162 z'itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

DUTEGETSE ko **MUKANDAYISENGA Béatrice** yitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze kuwa 15/02/2022 kugira ngo aburane urubanza aregwamo n'ubushinjacyaha, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, ndetse urubanza rukazaburanishwa adahari.

DUTEGETSE ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru Imvaho Nshya cyangwa kuri web site y'Urukiko rw'Ikirenga kandi kikamanikwa ku biro by'Umurenge wa Rugarama no ku Rukiko Rwisumbuye rwa Musanze.

N'UKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE KU MUNSI, UKWEZI N'UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU.

Sé/
MUNYAWERA BIGATI
UMUCAMANZA



Sé/
MUTABAZI Venant
UMWANDITSI